

Entretien entre le journaliste de la BBC GreatLakes, Ali-Yusuf Mugenzi, et le Ministre rwandais de la justice Tharcisse Karugarama suite aux mandats d'arrêts internationaux, lancés contre 40 personnes de nationalité rwandaise par l'Audience Nationale (Espagne). Emission « Imvo n'imvano » écoutée le samedi 16 février 2008. Transcription et traduction par Eugène Shimamungu.

Transcription kinyarwanda

Maze kumva ibivugwa na Jordi Palou Loverdos, nahamagaye bwana Tharcisse Karugarama, Ministre w'ubucamanza w'u Rwanda. Twavuganye ari mu ruzinduko i Paris mu Bufaransa.

Ali-Yusuf Mugenzi [A.-Y.M.] (journaliste BBC) :

Bwana Karugarama, Jordi Palou-Loverdos aravuga ko hashize imyaka itatu u Rwanda ruzi ko hari iperereza riri mo gukorwa n'umucamanza wo muri Espagne. Ati ibyo muvuga ko ibi byo gufata abantu mirongo ine mubyumva gusa mu binyamakuru atari byo.

Tharcisse Karugarama [Th.K] (Ministre rwandais de la justice) :

Ngirango ari mo kuvanga amagambo. icyambere kubimenya agomba kuvuga uburyo tubizi ni ubuhe. Akavuga niba hari urwandiko baba barigeze batwandikira yaba uwo mucamanza cg umwavoka. Akavuga ati ubu n'ubu n'ubu, twanditse urwandiko ruvuga ibi n'ibi n'ibi, ubu n'ubu twanditse urwandiko ruvuga ibi n'ibi n'ibi, bigenda gutya bigenda gutya. Ibyo noneho hakaba harabayeho guhererekanya amakuru mu buryo buri "official", mu buryo buzwi. Ibyo tuzi tumenya tubivanye mu makuru, cg muri informations zindi ziri informelles ntabwo wabyita communication iri official cg "official communication" hagati y'ibihugu uko ibihugu bikorana.

A.-Y.M.: Kuko we aravuga ko uriya mucamanza wakoze iperereza yasabye Leta y'u Rwanda inshuro eshatu, asaba ko yamuha amakuru ku bantu yakoragaho iperereza ariko Leta y'u Rwanda ntabwo yigeze imusubiza.

Th. K.: Ibyo ntabwo ari byo nabyo arivugira ibyo ashaka. Njye icyo nakubwira cyo nzi ni ibi bikurikira: icyambere ni uko higeze kwicwa umuntu waguye muri za Gitarama cg mu Muhanga ubu ng'ubu. Uwo muntu wapfuye anketi zarakozwe abakekwa ho kuba baragize uruhare mu kumwica baraburanishwa ...

A.-Y.M.: Uwo muntu yari umwespanyola?

Traduction française

Après avoir entendu les déclarations de Jordi Palou Loverdos, j'ai appelé Monsieur Tharcisse Karugarama, le Ministre rwandais de la justice. Il était en voyage à Paris.

Ali-Yusuf Mugenzi [A.-Y.M.] (journaliste BBC) :

Monsieur Karugarama, Jordi Palou Loverdos vient de dire que depuis trois ans, le Rwanda est au courant qu'il y a une enquête conduite par le juge espagnol. Qu'il n'est pas exact que vous ayez appris l'existence des mandats d'arrêts contre 40 personnes par les médias.

Tharcisse Karugarama [Th.K] (Ministre rwandais de la justice) :

Je pense qu'il est en train de mélanger les choses. D'abord il doit dire comment nous avons été au courant. Il doit indiquer si un courrier quelconque nous a été adressé par le juge ou l'avocat, il doit dire si à telle date, nous avons échangé le courrier, quelle en est la teneur, et quels sont les résultats. Il doit dire si à un certain moment il y a eu échange d'information de manière officielle. Les informations que nous avons obtenues, nous les avons apprises par les médias et à partir d'autres sources informelles, on ne peut pas appeler cela « communication officielle » d'Etat à Etat.

A.-Y.M.: Il a déclaré que le juge, au cours de ses enquêtes, a demandé à l'Etat rwandais, à trois reprises, de lui donner des informations à propos des personnes poursuivies, et que l'Etat rwandais n'a jamais répondu.

Th. K. : Ce n'est pas vrai, il dit n'importe quoi. Premièrement, il y a une personne qui a été assassinée à Gitarama (actuellement Muhanga). Cette personne a été tuée, des enquêtes ont été menées, les suspects ont été traduits en justice...

A.-Y.M.: Cette personne était-elle de

Th.K: Umwespanyoli. Urumva ntabwo ari ibyo badusabye, ntabwo ari ibyo Espagne yasabye u Rwanda, ndakubwira ibyakozwe. Ibyo uwo muntu... baraburana bamwe baratsinda undi aratsindwa arakatirwa n'ubu aracyafunze. Ikintu Espagne yaba ishaka cg uwo mucamanza yaba ashaka: iyo umuntu yakoze icyaha uwagikoze akamenyekana n'uwo yagikoreye yamenyekanye uwo muntu agahanwa, ikindi uba ushaka ni iki? Kereka iyo baba basabaga bakavuga bati kubera ko yahaniwe kuba yarishe umwespanyoli mumuduhe tujye kumufungira iwacu nibwo tuzizera y'uko yahanwe. Ariko barabizi, uwo mucamanza ntaho abivuga ariko Leta ya Espagne irabizi neza ko uwo muntu afunze, iyo dossier barayizi neza nk'uko nyikubwiye. Ntabwo ari ibintu by'ibanga n'iyi bagiye yo nabo barabizi ko ahafungiyeye bagenda bakavugana na we. Iyo ni dossier imwe mu byo bavugaga u Rwanda.

Iya kabiri ni dossier y'abantu baguye mu Ruhengeri n'abahakomerekeye, iyo dossier ndibuka ko muri 1997 cg 98 hari abapolisi ba Espagne baje mu Rwanda bakora na anketi. Iyo rapport, izo rapport zose, hari n'izakozwe n'u Rwanda barahazihawe, n'amaconclusions yagezwe ho Leta ya Espagne yarabihawe. Ntaho abivugaga na hamwe muri iyo document. None se niba harakozwe anketi zigakorwa n'u Rwanda, zigakorwa n'abapolisi ba Espagne, hari aho muri iyo document avugaga ati dore ibyagezwe ho ni ibi n'ibi narabisuzumye ndabigayaga cg ndabishimye. Awi! Aricecekerera.

Icyi gatatu akagira noneho akajya muri Congo, akavugaga ko hari abantu baguye muri Congo. Congo ntabwo itegekwa n'u Rwanda. Ese abapolisi ba Congo bakoze iperereza bamwerekaga rapport y'ibyo bageze ho? Ese we hari rapport, hari anketi yigeze akora yo? Ko dossier ye ahubwo uko yanditse guhera kw'ipaje ya mbere yivugiraga itera ry'..., uko inkotanyi zataye, yivugiraga ko gahunda zayo ari ukwica abantu, aravugaga kugabanyaga abahutu n'abatutsi. Ni document iri racist. Ntabwo ikoze mu buryo ubutabera bukora, ahubwo guhera kw'ipaje ya mbere ukagenda ukaza

nationalité espagnole?

Th.K. : C'est un Espagnol. Mais l'Espagne n'avait rien demandé au Rwanda, ce n'est pas ce qu'ils nous ont demandé, je vais vous dire ce qui a été fait à propos de cette personne... les suspects ont été jugés certains ont gagné le procès, un seul a été condamné à la réclusion, il est aujourd'hui en prison. Que veut l'Espagne ou le juge ? Quand une personne commet un délit et qu'elle est identifiée, que la victime est également reconnue, et que le criminel est puni, qu'est-ce que vous voulez de plus ? A moins qu'ils demandent que le criminel leur soit extradé parce qu'il a tué un Espagnol et qu'ils veulent s'assurer qu'il purgera sa peine. Mais ils le savent, le juge n'en parle nulle part. L'Etat espagnol sait très bien que cette personne est en prison, ils connaissent ce dossier tel que je vous le raconte. Ce n'est pas un secret, ils savent où cette personne est détenue, ils peuvent aller lui parler. Voilà le premier dossier dont il est question à propos du Rwanda.

Le deuxième dossier est celui des personnes qui ont été assassinées ou blessées à Ruhengeri. Je me rappelle que pendant les années 97-98, des policiers espagnols sont venus au Rwanda pour faire des enquêtes. Ce rapport et tous les autres qui ont été faits par le Rwanda ainsi que les conclusions qui ont été faites, tout cela a été transmis à l'Espagne. Le juge n'en parle nulle part dans ce document. Si des enquêtes ont été faites par le Rwanda ainsi que par la police espagnole, il n'y a pas un seul endroit dans ce document où le juge dit : voici les résultats obtenus, je les ai examinés, je les rejette ou je les approuve ? Pas du tout ! Il n'en dit rien.

Troisièmement, il parle du Congo, il dit que des personnes ont été tuées au Congo. Le Rwanda ne gouverne pas le Congo. Est-ce que les policiers congolais ont fait des enquêtes, lui ont-ils transmis leur rapport ? A-t-il mené lui-même des enquêtes là-bas ? Car depuis la première page de son dossier, il raconte l'attaque du FPR, que son objectif était de massacrer les gens, de réduire le nombre de Hutu et de Tutsi. C'est un document raciste. Il n'est pas fait dans les normes de la justice, depuis la première page jusqu'à la dernière... il raconte partout les objectifs du gouvernement,

ukagera inyuma... hose arivugira za gahunda za Leta wagira ngo ni we yari azizi, ko gahunda ya RPF yari ukuza ngo ikamara ho abahutu bose, yari ukuza igafata Leta ku ngufu, yari ukutumvikana n'abo ihasanze, yari ugufatanyana na Museveni gushyira ho Leta ntutsi, ibintu nk'ibyo. Ubwo urumva uwo ng'uwo ari umucamanza? Arafata inzira akajya muri Congo, akavuga imirwano yo muri Congo, akabivanga no kwica n'abaspanish baguye mu Rwanda, akabivanga n'intambara hagati ya 1990 na 1994, akavanga ibintu bitavangwa. Niba anketi zari ukureba abantu baguye mu Rwanda ba Espagne, akavuga ati dore uyu n'uyu yaguye aha n'aha byagenze gutya byagenze gutya dore icyakozwe, dore ikitarakozwe. Ariko aravanga ibintu akajya muri politike dossier yose igahinduka dossier ivangura abanyarwanda, dossier yita ubuyobozi bw'igihugu bwose ko ari ubuyobozi bw'ubuterroriste. Ubwo urumva ari umucamanza wavuga ngo arimo gukora anketi? Cyangwa ahubwo ni intumwa y'abantu? Ibintu avuga ugirango arabizi iyo avuga za Mulindi iyo avuga muri za Congo? Ko bisa n'aho ari ibintu bamwandikiye bariya bantu nawe utayobewe, n'abandi bantu bose batwumva batayobewe bamwandikiye akagenda akabisinya gusa. Ugirango hari icyo azi hari aho yari yagera hari anketi yari yakora? Ni ikibazo rero ngirango kiri mu bucamanza. abacamanza bamaze kwiha uburenganzira bwo kwibwira ko bazaba abapolisi b'isi yose, bakiha gukora ibintu byose n'ibyo batemerewe n'amategeko, ni ikibazo gikomeye cyane mu rwego mpuzamahanga.

A.-Y.M.: Ni ukuvuga ko iyo report, iyo report, iyo nyandiko y'umucamanza, ibyo birego avuga, kuko yambwiye ko ari amapaje arenga 160 ukuntu nyjewe numva mugomba kuba mumaze kuyabona namwe?

Th.K.: Urumva twebwe, icyo ni ikibazo na cyo. Uwo mucamanza ntiyigeze yohereza izo nzandiko kuri Leta y'u Rwanda, yazohereza direct ngo azohereze mu butabera, yazicisha muri Ministere y'Affaires étrangères, Ministeri y'ububanyi n'amahanga, nta byigeze bikorwa. Ibyo tubona ni ibintu tubona kuri internet, ni ibintu tudownloadanga tugasoma ibyo yahaye isi yose. Ubundi ubucamanza uko bukora, wandikira igihugu, ubinyujije mu nzira za

on dirait qu'il était le seul au courant, que le plan du RPF était d'exterminer les Hutus, prendre le pouvoir par la force, et de ne pas négocier, d'installer un régime Tutsi avec l'aide de Museveni, etc. Est-ce là le rôle d'un juge ? Il raconte les combats au Congo, il mêle tout cela avec les assassinats d'Espagnols au Rwanda, la guerre entre 1990 et 1994. Une mixture improbable. Si les enquêtes avaient pour objectif les assassinats des Espagnols tués au Rwanda, il devrait indiquer l'endroit où chaque personne a été tuée, les circonstances, ce qui a été fait et ce qui ne l'a pas été. Mais il mélange tout avec la politique, de sorte que son dossier aboutit au divisionnisme entre les Rwandais, il traite le pouvoir rwandais de terroriste. Peut-on croire que ce juge-là a fait des enquêtes ? Ou a-t-il été commissionné par certaines gens ? Pensez-vous qu'il sait tout ce dont il parle, à propos de Mulindi, ou du Congo ? Tout cela ressemble à des textes qui ont été fabriqués pour lui par des personnes que vous connaissez, vous, et tous ceux qui nous écoutent, et qu'il a simplement signés. Croyez-vous qu'il en connaisse quelque chose alors qu'il ne s'est rendu nulle part pour faire des enquêtes ? C'est un problème de justice. Les juges se sont arrogés le droit d'être des gendarmes internationaux, ils se mettent à faire n'importe quoi en dehors du droit, c'est un problème au niveau international.

A.-Y.M.: C'est-à-dire que ce rapport, ce document du juge contenant des accusations, il m'a dit qu'il y a plus de 160 pages, si je comprends bien, vous l'avez vous-mêmes reçu.

Th.K.: Il s'agit pour nous d'un problème. Ce juge n'a jamais envoyé de document au gouvernement rwandais, que ce soit directement, que ce soit par le biais du Ministère des Affaires Etrangères. Nous sommes en possession d'informations puisées sur internet, des documents que nous avons téléchargés qui ont été distribués au monde entier. Selon le fonctionnement normal de la justice, il faut écrire à l'Etat dans les voies

ngombwa ukavuga uti dore communication ng'iyi. Abantu bakagusubiza, ntabwo wicara mu gihugu cyawe ngo wiyandikire ibintu, wumva abantu ubite amazina atabaho. Ese uzi uko abita? Abita ba 007, TAP ibi n'ibi, ntabwo bagira amazina, ariko iyo usomye ibyo bandika, usanga aribo babimwandikiye akagira gute, akabisinya gusa. Ni bantu ki? Aba ba témoins, ngo bari protégés, ariko iyo usomye iyi dossier ugasoma na ya yindi ya Bruguière, ni bamwe, ni bimwe ibyo bavuga hamwe, ni groupe imwe, ni réseau imwe irimo kugira ibi bintu. Kandi language irimo ntabwo ari language y'umucamanza kuko ari mu bintu by'amoko. Aratangira muri za 1990 na mbere y'aho. Aravuga igituma FPR yabaye ho ko ari ukugirango irimbure abahutu. Document iyo tubona niba koko translation baduhaye ariyo ... uyu mucamanza... ahubwo ni ugutinya kuvuga, kubera abantu batinya indimi zikarishye, ubundi umuntu yakava aho yibwira ko ari umusazi. Nta mucamanza ubundi wicara iwe ngo atinyuke gushyiraho inzandiko zifata umuntu atari yamwumva, atari yamubaza ngo amubwire ati ariko ibi bintu bakuvugaho ni ibiki?

A.-Y.M.: Ariko ibyo nabimubajije arambwira ngo ntabwo ari ngombwa, ampa n'ingero z'inkiko nka ruriya rukiko rwa Arusha, ampa urugero ruriya rukiko rw'i La Haye, aravuga ati ntabwo ari ngombwa kubavugisha mu mategeko aravuga, international jurisdiction, mu mategeko mpuzamahanga mu bucamanza mpuzamahanga, ntabwo ari ngombwa gukora ibyo ng'ibyo.

Th. K.: Ariko buriya ntabwo ari ubutegets... ntabwo ari ubucamanza mpuzamahanga. Kubera ari ubucamanza local, ni jurisdiction y'iwabo, ni jurisdiction locale, yibiconfusinga n'urukiko rwa La Haye, cg yibiconfusinga n'urukiko rw'Arusha. Ariko na Arusha ubwayo ni urukiko mpuzamahanga, ruhamagara umuntu rukamubaza, nibura rurabigerageza wenda rukamubura. Ariko abo bantu avuga ni abantu bari mu Rwanda. Igituma buriya bishoboka ni uko wenda abantu baba batazi aho umuntu abarizwa. Uwo muntu uramuhamagara iyo yanze kukwitaba icyo ni ikindi kibazo. Ariko ushobora no kumusanga aho ari, ushobora gushyira ho une commission rogatoire ukavuga uti ni mugende mukore

appropriées pour leur transmettre telle communication. Et ils répondent. On ne peut pas s'asseoir chez soi, dans son pays, et faire des documents à partir des déclarations des témoins portant des pseudonymes, tels 007 ou TAP etc. Ils sont anonymes, mais lorsque vous lisez, vous comprenez que ce sont eux qui ont rédigé les textes, et que le juge n'a fait que signer. Quels sont ces gens? Ce sont des témoins prétendument protégés, mais lorsque vous lisez ce dossier et celui de Bruguière, ce sont les mêmes témoins, ils disent la même chose, il s'agit d'un même groupe, d'un même réseau qui fait ce genre de choses. Le langage utilisé n'est pas celui d'un juge, parce qu'il s'agit de problèmes ethniques. Le document commence par l'année 1990 et même avant cette date. Il raconte que le FPR a été créé pour exterminer les Hutu. Le document tel que nous l'avons reçu et si la traduction est bonne... ce juge... il n'y a pas de mots assez durs, on pourrait penser qu'il est fou. Un juge ne peut s'asseoir chez lui et oser émettre des mandats d'arrêt contre quelqu'un sans l'avoir entendu, sans l'avoir interrogé et savoir ce qu'il pense des charges qui pèsent sur lui.

A.-Y.M.: Je lui ai posé la question il m'a répondu que ce n'était pas nécessaire, il m'a donné l'exemple du Tribunal d'Arusha et celui de La Haye, selon les lois internationales, il m'a dit que ce n'est pas nécessaire de parler avec eux, dans le droit international, ce n'est pas nécessaire de faire cela.

Th.K. : Mais il ne s'agit pas de pouvoir... ce n'est pas un tribunal international. Il s'agit d'un tribunal local, d'une jurisdiction locale, qu'il ne confonde pas cela avec le Tribunal de La Haye, ou le Tribunal d'Arusha. Même le Tribunal international d'Arusha convoque l'accusé pour l'interroger, il tente de l'interpeller même quand celui-ci est introuvable. Les gens qui sont mis en cause se trouvent au Rwanda. Cela n'est possible que pour les gens dont on ne connaît pas d'adresse. La personne est interpellée, s'elle refuse de répondre à la convocation, c'est un autre problème. On peut même aller le trouver sur le lieu de sa résidence, en mettant en place une commission rogatoire pour faire des enquêtes. Comme je

anketi. Nk'uko nakubwiye muri 1997 cg 1998, hari abapolisi b'abespanyoli baje mu Rwanda gukora anketi kuri ibyo bibazo. Nta kintu abivugaho na gato ngo avuge ati nasuzumye izo rapports zabo sinazishima. Aha! Nababwiye ko hari abantu... n'umuntu ugifunzwe waciriwe imanza ntacyo abivuga ho. Ariko aragenda akumva uruhande rumwe. Umucamanza ubundi ashinzwe kumva impande ebyiri, yamara kuzumva agafata icyemezo. Wowe umuntu uagenda akumva abantu birirwa mu Burayi, aba bantu barwanya Leta bose uzi nawe birirwa mu Buringi, bari mu Bwongereza, bagenda mw'isi yose, barwanya Leta basebya akaba aribo yumva gusa, agashingira kuri ibyo byonyine bamubwiye, akandika inzandiko zifata, murumva mwebwe ibyo bintu ari amahire?

A.-Y.M.: Ko avuga ko na Leta y'u Rwanda yarabimenye igerageza no kohereza umuministri ajyayo aragenda abonana n'abategetsi bashinzwe Ministeri y'ububanyi n'amahanga yo muri Espagne, agerageza no kubonana n'uwo mucamanza, ariko umucamanza aranga avuga ko kuberako ubucamanza mu gihugu cyabo butandukanye n'ubutegetsi. Ntabwo yashoboye kubonana na we. Ni ukuvuga, ko we aravuga ko mwagerageje kugira icyo mukora ariko ntibyashoboka.

Th.K.: icyo ng'icyo nacyo umuntu yagisuzuma mu buryo bubiri. Urumva iyo abantu badacomunika batavugana mu nzira ziri official, bashaka kumenya ibyo ari byo. Natanga urugero. Njye nigeze kujya muri Espagne, ku bwanyje nyewe nta banga ririmo, ndagenda ndavuga nti niko se ko twumva hano ibibazo ko hano hari ibirego, biba hehe, ni nde urega bararega nde iyo dossier kuki mutayidukomunika? Ibyo narabibajije nyewe ubwanjye ku giti cyanjye, nibwira ko na ministri w'ububanyi n'amahanga y'iwacu yaba yarabibajije. Ariko ni bwa buryo bwo gushaka information, kubera ko twebwe twumvaga ibintu muri za internet, ukabyumva mu makuru, ngo hari umucamanza urimo kurega abanyarwanda, tukavuga se abo arega ni bande, iyo dossier irihe mwayiduhaye officiellement? Si ukuvugana n'abantu bo muri Foreign affairs, ahubwo abantu bakajya babyishimira bati nibura bagerageje kubona information, hari iyo

J'ai déjà dit, dans les années 97-98, les policiers espagnols sont venus au Rwanda pour faire des enquêtes sur ces affaires. Le juge ne dit rien de ces enquêtes, il ne dit pas qu'il a examiné ces rapports ni qu'il les a désapprouvés. Ha! Je vous ai cité le cas de personnes... d'une personne qui a été jugée et qui est toujours en prison, il n'en a rien dit. Il a écouté seulement des accusations à charge. Un juge doit normalement écouter les deux parties avant de prendre la décision. Il a seulement écouté les personnes qui vivent en Europe, tous les opposants qui vivent en Belgique, en Grande Bretagne, éparpillés dans le monde entier, qui combattent ou salissent le gouvernement. Il n'a écouté que ceux-là, il s'est basé sur leurs déclarations pour émettre les mandats d'arrêts, croyez-vous que cela est heureux ?

A.-Y.M.: Il a dit que l'Etat rwandais a été tenu au courant et qu'il a envoyé un ministre pour rencontrer les autorités du Ministère des Affaires étrangères de l'Espagne, il a également tenté de rencontrer le juge, celui-ci a refusé, parce que le pouvoir judiciaire dans leur pays est indépendant du pouvoir politique. Il n'a donc pas pu le rencontrer. C'est-à-dire que, lui il dit que vous avez tenté de faire quelque chose mais que cela n'a pas été possible.

Th.K. : La question peut être examinée de deux façons. Lorsque les gens ne communiquent pas par des voies officielles, il y a intérêt à savoir ce qui se passe. Je donnerai un exemple. Je me suis rendu en Espagne, personnellement, sur ce il n'y a pas de secret pour moi, pour leur dire qu'il y avait des problèmes. Il y avait des plaintes et nous voulions savoir quelle en était la teneur, qui était mis en cause, qui étaient les plaignants, pourquoi le dossier ne nous a pas été communiqué? J'ai posé la question moi personnellement, je pense que le Ministre des Affaires étrangères a également posé la même question. Mais c'était dans le but d'obtenir des informations, parce que nous apprenions tout à partir d'internet, à travers les médias, qu'un juge avait engagé des poursuites contre des Rwandais. Nous avons demandé qui étaient-ils? Nous avons demandé que le dossier nous soit transmis officiellement. Ce n'était pas

se baduhaye icyo gihe? Niba twaragerageje kubaza uwo mucamanza ngo dossier irihe kugirango turebe ibirimo, abantu bashobore no kugira icyo babisobanura ho ntayitange, ariko nta wigeze amubona. Uko ni ukuri nako. Yaba yaranze, yaba yaremeye icyo kikaba ari ikindi kibazo. Ariko sinibwira y'uko we yigeze abonana n'umuntu wavuye i Rwanda, niba atari umubeshyi, natinye kumwita umusazi cg umubeshyi, ni avuge ati nabonanye na kanaka na kanaka. Icyasabwe muri Ministeri y'ububanyi n'amahanga ni uko icyo gihugu cyadufasha kugira ngo iyo dossier tuyimenyeshwe. Na n'uyu munsu ntiturayimenyeshwa officially mu nzira ubundi ibihugu bimenyeshya ibindi. Idossiye ye yayigize ibanga hagati ye na bariya barwanya Leta, na bariya bahakana génocide barayiharerana. Dukora ibishoboka byose, dusaba iyo Leta tunyuze muri iyo Ministeri y'ububanyi n'amahanga kugira ngo idusabire iyo dossier. Ngo niba uwo mucamanza ashaka n'abo bantu abahe uruhusa baze bavugane nawe, cg bamuhe uruhusa abinterroger. Izo nizo contacts zakozwe, bivanga ibintu byo gushaka kumenya information ngo avuge ko bashatse no kumureba. Ubundi se kureba umucamanza, urimo gukora dossiye kuri wowe, icyaha kirimo ni ikihe? Ahubwo gukora, ukumva uruhande rumwe ntiwumve urundi niho ikibazo cyaba kiri.

A.-Y.M.: Kuko we atubwira ko yarakajwe, cg yababajwe n'uko, cg yanze kubonana n'uwo muministre utubwira ko ari wowe kubera ko...

Th. K.: Oya sinigeze mbonana nawe rwose

A.-Y.M.: Ngo yanze kubera ko yari amaze gusaba inshuro eshatu ko bamuha ibisobanuro Leta iranga.

Th. K.: Abisaba nde se?

A.-Y.M.: Abisaba Leta y'u Rwanda

Th. K.: Hari inyandiko yakweretse ibisaba?

A.-Y.M.: Oya ni mu magambo twavuganye.

Th. K.: Ni mu magambo, ni ab'urugambo

uniquement pour le plaisir de parler avec les gens du Ministère des Affaires étrangères, mais les gens auraient pu être satisfait que nous tentions d'obtenir des informations. En ont-ils donné? Nous avons tenté sans succès de demander le dossier au juge pour en examiner le contenu et pour que les gens puissent se défendre et s'expliquer, personne n'a pu le rencontrer. C'est cela la vérité. S'il a accepté ou refusé, cela est un autre problème. Mais je ne pense pas qu'il ait rencontré quelqu'un en provenance du Rwanda. S'il n'est pas un menteur, je crains de le prendre pour un fou ou un menteur, qu'il cite les personnes qu'il a rencontrées. Le Ministère des Affaires étrangères a demandé que l'Espagne puisse nous aider à obtenir ce dossier. Jusqu'à présent il ne nous a pas été communiqué officiellement dans les voies appropriées, d'Etat à Etat. Le juge a maintenu le dossier secret entre lui et les opposants au régime, ceux-là qui nient le génocide. Nous avons fait tout ce qui est possible pour demander à l'Etat à travers le Ministère des affaires étrangères de nous transmettre ce dossier et savoir si ce juge voulait rencontrer ces personnes ou recevoir une autorisation pour les interroger. Ce sont les contacts qui ont été faits. Nous avons cherché les informations, qu'il ne dise pas que nous avons cherché à le rencontrer. Est-ce un tort de rencontrer un juge qui est en train de faire un dossier sur une affaire dans laquelle on est impliqué? Mais n'écouter que l'une des parties, c'est là un problème.

A.-Y.M.: Il nous a dit qu'il a été irrité, contrarié, ou il a refusé de rencontrer ce Ministre, vous nous avez dit que c'est vous, parce que...

Th.K. : Non je ne l'ai jamais rencontré

A.-Y.M.: Il semble qu'il a refusé parce qu'il avait demandé à trois reprises de la part du gouvernement, des explications qui lui ont été refusées.

Th.K. : Il s'est adressé à qui?

A.-Y.M.: Il s'est adressé au gouvernement rwandais

Th.K. : Vous a-t-il montré un document à ce sujet?

A.-Y.M.: Non, nous en avons simplement parlé.

Th.K. : Il ne s'agit que de paroles, uniquement

nyine, bashyire mu rugambo. Twebwe iyo Leta ikomunika haba hari inyandiko umucamanza yanditse igaca mu nzira icamo. Bazakwereke urwandiko rwavuye muri Ministeri yabo, ruvuga ruti dore turasaba ibi, turasaba ibi. Noneho turebe, noneho abantu bagire aho bashingira. Ariko ibyo kuvuga ngo yanze kubonana na Ministre w'u Rwanda ntabwo ari byo. Bibaye ari byo, yaranze, nta gisebo kirimo ushatse kubonana n'umuntu kugira ngo umubaze information kuri dossier zireba igihugu cg zireba abene gihugu, nta gisebo kirimo. icyo navuga ni uko nyewe sinigeze mbonana na we, ntabwo nizera ko hari Ministre n'umwe mu Rwanda waba warabonye nawe. Ariko icyakozwe ni uko abantu bashatse kugirango babonane n'inzego z'ubutabera za Espagne, babereke iyo dossier imeze gute, irarega nde, iravuga iki? Ndakubwira ngo no kugeza n'uyu muni aho tuvugira aha, informations dufite ni ibintu tuvana kuri internet, biri mu cyespanyoli abantu bakagerageza kubitraduiza. Ubundi kubona umucamanza ujya kumusaba dossiye, nta cyaha kirimo, ahubwo aba akwiye kuyitanga atagomba no kuyisabwa, kuri bariya bose arega. Ubundi iyo aba umucamanza muzima, atari umucamanza uri muri za politiki aba yarakoze iyo dossiye, buri wese uwo arega akamwoherereza akamubwira ati dore ibikuregwa ni ibi, dore ibikuregwa ni ibi. Akayohereza u Rwanda akavuga ati dore namwe turabarega ko muri organisation y'iterabwoba kw'isi, dore namwe ibyo tubarega ni ibi none ho ari abo bantu ari n'igihugu bikagira uko byiregura. Nta byakozwe. Information turayisanga kuri internet. Ariko iki ni gihugu kizwi, gifite ubuyobozi, abo bantu bose baregwa barazwi, aho bari harazwi bafite adresse. Hari na rimwe bigeze babahamagara ngo batwereke inzandiko zibahamagara cg iziza kubabaza bakanga. Abo bantu 22 bavuga yabajije ese nibande? Uwamubaza abo ari bo, ngo uzarebe abo ari bo, ni babandi ba Bruguière, ni ba bandi birirwa ahongaho mu Burayi, birirwa bagira gute, ni abantu bamwe muri réseau yabo birirwa muri gahunda yo gushaka kurwanya Leta banyuze mu butabera, mu bajije bataye agaciro bakora ibintu bidakorwa kw'isi aho ari hose, bisigaye mu bantu bake gusa bakorana n'igroupe zihakana

des paroles, que des paroles. Quant à nous, lorsque le gouvernement communique, il y a des documents dressés par le juge qui passent par des voies appropriées. Demandez-leur de vous montrer un document provenant de leur Ministère qui demande quoi que ce soit. Nous allons l'examiner ainsi nous aurons une base de travail. Mais il ne peut pas dire qu'il a refusé de rencontrer un Ministre du Rwanda, ce n'est pas vrai. S'il est vrai qu'il a refusé, il n'y a pas de honte à demander à quelqu'un des informations concernant le pays ou les citoyens de son pays. Ce que je dois dire c'est que je ne l'ai jamais rencontré, je ne pense pas qu'il y ait un Ministre au Rwanda qui l'ait rencontré. Mais la démarche qui a été faite c'est celle de chercher à rencontrer les autorités judiciaires espagnoles pour savoir ce qu'il en est du dossier. Qui est mis en cause, de quoi traite le dossier? Jusqu'à présent je puis vous affirmer que nos informations sont tirées d'internet, en espagnol, que les gens essayent de traduire. Ce n'est pas un crime de rencontrer un juge pour lui demander un dossier. Celui-ci devrait plutôt le donner, sans qu'on le lui demande, à tous ceux-là qui sont accusés. S'il était un juge normal, qui ne fait pas de la politique, il aurait envoyé un dossier à chacun des inculpés pour leur signifier les charges qui sont portées contre eux. Il aurait envoyé le dossier au gouvernement rwandais pour lui dire : nous vous accusons d'être une organisation terroriste au niveau mondial, voici les charges contre vous. Ainsi le gouvernement et les personnes inculpées pourraient se défendre. Ceci n'a pas été fait. Nous trouvons l'information sur internet. Il s'agit d'un pays connu, avec un gouvernement. Tous ces gens là qui sont poursuivis sont connus, ils ont des adresses connues. Ils n'ont jamais été interpellés, on ne nous a jamais dit qu'ils refusaient de se présenter ou d'être interrogés. Qui sont les 22 personnes qui ont été interrogées? C'est peut-être les mêmes que ceux du juge Bruguière, ou ceux-là qui passent leur temps en Europe, faisant partie d'un même réseau qui a pour objectif de combattre le gouvernement à travers la justice avec des juges en mal de réputation qui font des choses répréhensibles à travers le monde, avec certaines gens qui travaillent avec les groupes

itsembabwoko ryabaye mu Rwanda

A-Y.M.: None ikibazo cyanyije ni ukwibaza ukuntu u Rwanda rugiyeye kubyifatamo, kubera ko mu kiganiro twagiranye aravugaga ko nyuma y'iminsi icumi, mandats zizasohoka zo gufata bariya bantu, akavugaga ko ibihugu cyane cyane by'i Burayi, biri mu muryango w'ibihugu by'i Burayi bigomba kubahiriza icyo cyemezo cyo gufata bariya bantu. Mwebwe muzabyifatamo gute ko bikomeza kujya ahantu hakomeye?

Th. K.: Ndabivugaga ho ibintu bitatu. icya mbere ni ukubwira bariya bantu bose bivugwa ho, abarebwa n'icyo kibazo, abanyarwanda 40 bavugwa, kutagira ubwoba cyangwa ngo bacike intege, ntacyo bizatanga biriya. icya kabiri, ni ukwizeza banyarwanda n'abanyamahanga batwumva bose yuko ikinyoma n'ubugome nta na rimwe byigeze bitsinda ukuri ngo aribyo bifata intebe. Ukuri buri gihe kuratsinda. icya gatatu, ni uko u Rwanda nk'igihugu atari bwo bwa mbere ruterwa, ataribwo bwa mbere rushorwa mu ntambara, abanyarwanda mu ngufu zabo bafatanyije, bahagaritse génocide, barayirwanya irahagarara. Biriya rero n'ibyo bita "kick of dying horse", ni iturufu ya nyuma, izindi zose barazigerageje biranga ubu bari mw'ikinamico ry'ubutabera, barakoresha abacamanza bamize guhakana itsembabwoko, barakoresha les forces zihakana itsembabwoko ryabaye mu Rwanda, bakorera hamwe nk'akazu, nka réseau yo kugirango badestabilize igihugu. Ntaho bizabageza, ziriya mandats iminsi icumi ni ishira zizata agaciro kuko nta n'ako zikwiye kugira, tuzazicerereza mu nzego zose, umucamanza ubwe tuzamucereza mu nzego zose zibaho, zibe impfabusa izo mandats ze, kuko ibyo yakoze ni impfabusa. Nta gihugu rero twibwira ko gifite abantu bazima, abapolisi bazima, inzego z'ubutabera buzima bashobora gushyira ziriya mandats, kuziha agaciro, nta gihugu na kimwe cyashingira kuri biriya bipapuro birimo guhakana itsembabwoko, birimo kwimakaza y'uko mu Rwanda nta tsembabwoko ryahabaye ahubwo niba ryarabaye ryakozwe na Leta iriho birimo guhindura abicanyi ba ruhara ko aribo ntware z'igihugu, nta gihugu cyaha agaciro ziriya mandats. Ubutabera mpuzamahanga bugira uburyo bukora ntabwo ari anarchie, ya ba Bruguière cg ba Fernando. Ni ukuvugaga ngo

de négationnistes du génocide au Rwanda.

A-Y.M.: Ma question c'est de savoir comment le Rwanda va s'y prendre, parce que dans l'entretien que j'ai eu avec lui, il a dit que les mandats vont sortir dans dix jours pour arrêter ces gens. Il a ajouté que les pays surtout européens, qui font partie de l'Union Européenne doivent respecter ces mandats d'arrêts. Comment allez-vous vous y prendre, vu que la situation s'aggrave de plus en plus ?

Th.K. : Je dirais trois choses. D'abord je dois dire aux personnes poursuivies, les 40 personnes, de ne pas avoir peur, de ne pas baisser les bras, car tout cela n'aura pas d'effet. La deuxième chose, il faut avoir confiance aux Rwandais et tous les pays qui nous soutiennent, parce que le mensonge et le crime n'ont jamais gagné sur la vérité, pour s'asseoir à table. La vérité gagne toujours. La troisième chose, c'est que ce n'est pas la première fois que le Rwanda est attaqué, ce n'est pas la première fois qu'il est entraîné dans la guerre, les Rwandais ont réuni leurs forces pour arrêter le génocide. C'est la dernière carte de ceux-là qui en ont joué d'autres sans succès, c'est ce que l'on appelle « the kick of dying horse », ils sont en train de mettre en scène une parodie judiciaire avec des juges négationnistes, en utilisant des forces qui nient le génocide au Rwanda. Ils travaillent ensemble dans un réseau pour déstabiliser le pays. Ils ne réussiront pas, dans dix jours ces mandats d'arrêts n'auront plus de valeur, car ils ne doivent pas en avoir, nous les boycotterons à tous les niveaux. Nous allons boycotter le juge lui-même partout à tous les niveaux, de sorte que les mandats soient inutiles, parce que son travail est futile. Aucun pays avec des autorités dignes, des policiers sérieux, une justice sérieuse, ne peut exécuter ces mandats ou leur donner de la valeur. Aucun pays ne peut se baser sur cette paperasse remplie de négationnisme, qui nie le génocide au Rwanda, et s'il y en a eu un ce sont les autorités actuelles qui l'ont perpétré. Les criminels les plus odieux sont transformés en héros du pays. Aucun pays ne peut attacher de la valeur à ces mandats. La justice internationale fonctionne d'une certaine façon, ce n'est pas de l'anarchie, comme celle de Bruguière ou de Fernando.

igihugu iyo kirezwe gihabwa umwanya wo kwiregura, iyo umuntu arezwe ahabwa umwanya wo kwiregura, ibyo nta byakozwe. Nta gihugu rero gishobora kubahiriza ibyo bintu, kidahaye abo abantu bose uburenganzira bwo kwiregura ngo kibafate gusa kubera ko umucamanza yicaye Madrid cg ahandi hose, akumva interahamwe, akumva abarwanya Leta, akumva abahakana génocide noneho isi yose yaba ibaye, yaba ihindutse, isi y'abasazi. Nta gihugu cyabitinyuka kubikora igihugu cyabikora, hanyuma ni kibikora, ubwo igihugu cyabikora cyaba kideclaye intambara ku Rwanda hanyuma rukayirwana nk'uko rurwana izindi.

A.-Y.M.: Ndabashimiye cyane bwana Ministri kuba muvuganye n'imvo n'imvano.

Th. K.: Murakoze cyane.

Quand un pays est accusé, il doit bénéficier du temps pour se défendre ; lorsque quelqu'un est accusé, il doit avoir le temps de se défendre. Ceci n'a pas été fait. Aucun pays ne peut les respecter, sans donner aux concernés le droit de se défendre. Aucun pays ne peut exécuter les mandats alors que le juge se trouve à Madrid ou quelque part ailleurs et qu'il n'a écouté que les opposants au régime, les négationnistes du génocide. Le monde deviendrait un monde de fous. Aucun pays ne peut oser faire cela, un pays qui ferait cela déclarerait la guerre au Rwanda, celui-ci combattrait comme il l'a fait dans d'autres guerres.

A.-Y.M. : Je vous remercie beaucoup Monsieur le Ministre d'avoir accordé une interview à « Imvo n'imvano ».

Th.K. : Merci beaucoup.